

REPUBULIKA Y'U
RWANDA



MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali

Tel: +250 252575813

E-mail: info@meteorwanda.gov.rw

Website: www.meteorwanda.gov.rw



ITEGANYAGIHE N°53 RY'IGIHE CY'UMUHINDO (NZERI- UKUBOZA) 2019

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejewe no gutangariza abaturarwanda bose ko Umuhindo wa 2019 muri rusange uteganyijwemo imvura ihagije nk'isanzwe igwa mu bihe byiza by' Umuhindo ariko hari aho iyi mvura ishobora kuziyongera cyangwa ikagabanuka hashingiwe ku miterere yaho.

Ingano y'imvura iteganyijwe :

Imvura iri hagati ya milimetero 500 na milimetero 600 iteganyijwe mu ntara y'Amajyaruguru mu turere twa Musanze, Burera, igice kinini cy'uturere twa Gicumbi, Gakenke na Rulindo. Mu ntara y'Iburengerazuba mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Rusizi, Nyamasheke ndetse n'amajyaruguru y'akarere ka Rutsiro ahahana imbibi na Rubavu.


Mu ntara y'Amajyepfo mu karere ka Nyaruguru, Huye n'amajyepfo ya Nyamagabe ndetse no mu karere ka Gisagara ahahana imbibi n'akarere ka Huye na Nyaruguru. Naho mu Burasirazuba ni mu gice kinini cy'Akarere ka Nyagatare ahagereye intara y'Amajyaruguru ndetse no mu gice cy'Akarere ka Gatsibo gihana imbibi na Nyagatare na Gicumbi.

Imvura iri hagati ya milimetero 410 na milimetero 500 iteganyijwe mu mujyi wa Kigali, mu turere twa Rwamagana, Kamonyi, Ruhango, Muhanga, Karongi, igice kinini cy'Akarere ka Gatsibo, amajyaruguru y'uturere twa Nyamasheke, Nyamagabe, Huye na Bugesera, amajyepfo y'uturere twa Gakenke, Rulindo na Gicumbi ndetse n'iburengerazuba bw'Akarere ka Kayanza ahahana imbibi n'Akarere ka Gatsibo.

Imvura iri hagati ya milimetero 350 na milimetero 410 iteganyijwe mu turere twa Kirehe, Ngoma, Bugesera, mu burasirazuba bw'Akarere ka Nyanza ahagereye Akarere ka Bugesera, igice kinini cy'Akarere ka Gisagara, mu burasirazuba bw'Akarere ka Gatsibo ndetse no mu majyepfo y'iburasirazuba bw'Akarere ka Nyagatare.



**IKARITA YEREKANA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE MU GIHEMBWE
CY'IMVURA Y'UMUHINDO WA 2019**



Igihe imvura y'Umuhindo wa 2019 izatangirira




Imvura iteganyijwe gutangira mu cyumweru cya kabiri cya Nzeri mu karere ka Burera, Musanze, Nyabihu, Rubavu, mu majyaruguru y'Akarere ka Nyagatare, Rutsiro, igice kinini cy'Akarere ka Rusizi ndetse n'amajyepfo y'Akarere ka Nyamasheke; igice gisigaye cy'Akarere ka Nyagatare, Gatsibo, Gicumbi, Rulindo, Gakenke, Ngororero, Rutsiro, Gasabo, Nyarugenge, Kicukiro ahagereye Nyarugenge, Nyamasheke, igice cy'amajyepfo cya Nyamagabe na Nyanza, Rusizi ahagereye Nyamagabe, Nyaruguru, Huye, Gisagara na Nyanza ahahana imbibe na Huye

Naho mu karere ka Karongi, Ruhango, Muhanga, Kamonyi, Bugesera, Ngoma, Kirehe, Kayonza, amajyepfo y'akarere ka Rwamagana, Muhanga, Kamonyi na Kicukiro, amajyaruguru y'akarere ka



Nyamagabe, Nyamasheke na Nyanza; imvura iteganyijwe gutangira mu cyumweru cya gatatu cya Nzeri 2019.

Igihe imvura y'Umuhindo wa 2019 izacirikira



Uretse mu turere twa Nyaruguru, Rusizi, Nyamasheke, Rubavu, Nyabihu, Musanze, Burera no mu majyaruguru y'Akarere ka Gicumbi n'aka Rulindo hateganyijwe ko imvura izacika mu cyumweru cya kane cy'Ukuboza ahandi hose biteganyijwe ko imvura izacika mu cyumweru cya gatatu cy'Ukuboza 2019.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'Umuhindo 2019, kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Amasosiyete y'abikorera ku giti cyabo ndetse n' Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kwirinda no gukumira ibiza, kubungabunga ibidukikije, gufata neza imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro.



Turashishikariza kandi abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye, iy'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa remezo, ubuzima, ubucuruzi, ubushakashatsi kwegera impuguke zo mu nzego bakorana kugirango zibagire inama z'uburyo bwiza bwo gukoresha amakuru y'iteganyagihe ry'Umuhindo 2019 mu mirimo yabo ya buri muni.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri numero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri muni.

Bikore we i Kigali, kuwa 03/09/2019.



Aimable GAHIGI
Umuyobozi Mukuru

